Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko muzakomeza gukurikira imigenzo y'abababanjirije

Hadith yaturutse kwa Abi Waqid A-Laythiyu (Imana imwishimire) yavuze ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yerekezaga ahitwa Hunayni, yanyuze ku giti cy'ababangikanyamana bitaga Dhatu An'watw, bajyaga bamanikaho intwaro zabo, nuko barayibaza bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Natwe dushyirireho igiti nk'iki cya Dhatu An'watw nkuko nabo bagifite! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: "Sub'hanallah! Ubutagatifu ni ubwa Allah Neza neza muvuze nk'ibyo abantu ba Musa bamubwiye bati: {Dushyirireho imana nk'uko nabo bafite imana} [Al A'araf: 138] Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko muzakomeza gukurikira imigenzo y'abababanjirije."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Tirmidhi na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiye ahitwa Hunayni, hakaba ari ahantu haherereye hagati ya Twa-if na Makat, icyo gihe yari kumwe na bamwe mu basangirangendo bayo batari bamaze igihe babaye abayisilamu; Nibwo banyuze ku giti bita "Dhatu An'watw", bisobanuye ngo kimanikwaho, icyo gihe ababangikanyamana baracyubahaga ndetse bakakimanikaho intwaro zabo ndetse n'ibindi bagikeneyeho umugisha! Nibwo basabye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ngo nabo ibashyirireho igiti kimeze nka cyo, bazajya bamanikaho intwaro zabo, ngo nabo kibahe imigisha, bibwira ko byemewe, Nibwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: Sub'hanallah (Ubutagatifu ni ubwa Allah)! Igamije kubacyaha, no kubahisha Allah, ibabwira ko ibyo bavuze bimeze neza neza nk'ibyo abantu ba Mussa bamubwiye bagira bati: {Dushyirireho imana nk'uko na bariya bafite imana,...} Ubwo abasangirangendo babonaga abari kugaragira ibigirwamana, basabye ko nabo bagira ibigirwamana nkuko ababangikanyamana nabo babifite, bagamije kubigana. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibabwira ko abayoboke bayo bazakurikira abayahudi n'abanaswara, ndetse bakore nk'ibyo bakora irabibabuza.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5927